

Emmanuel Hakizimana, Ph.D.
Montréal, Canada

Tariki ya 13 Nzeli 2021

Impamvu: Gusezera mw'itsinda ry'isesengura n'igenamigambi

Bavandimwe mugize itsinda ry'isesengura n'igenamigambi,

Mbanje kubashimira byimazeyo uburyo twakoranye imirimo itoroshye Urwego nyunguranabitekerezo-RBB rwashinze iri tsinda. Ndabashimira ubwitange, ubworohere n'ubushishozi bwanyu, kandi ndabamenyesha ko numva ari amahirwe menshi nagize kuba narabamenye nkanakorana namwe.

Gusezera kwanjye gushingiye ku kuba mbona imirimo myiza y'itsinda ry'isesengura n'igenamigambi itazashobora kubazwa umusaruro nk'uko bikwiye, kubera inzitizi zikurikira:

1. Mbona RBB itagishoboye kuba iteme rihuza Abanyarwanda cyane cyane mu moko yabo yose, kubera umwuka w'ubuhezanguni umaze kuyicengeramo.
2. Hari ubushake bwa bamwe mubagize RBB bwo gushyira imbere ibidutanya bahatira abandi kwemera ibitekerezo byabo, aho gushyira imbere ubufatanye bushingiye kubiduhuzwa.
3. Hari icyuho hagati y'ibiba byumvikanweho n'ibikorwa.

Kubera ko izo nzitizi maze igihe nzibona, kandi inama twagiranye na komite Mpuzabikorwa ku cyumweru tariki ya 12 Nzeli 2021 itampaye icyizere ko zizavaho mu gihe cya hafi, mpisemo gusezera muri iri tsinda.

Mbifurije amahoro n'amahirwe mu buzima bwanyu no mu mishinga yanyu yose.

Emmanuel Hakizimana, Ph.D.
Sé